**Ingingo ya 10: Kongera igihe cy'uruhushya**

Gusaba kongererwa igihe cy'uruhushya bikorwa mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) y'akazi mbere y'uko itariki yo kurangira igera.

Iyo igihe ntarengwa cyo gusaba kongererwa igihe cy'uruhushya cyubahirijwe ariko nta gisubizo cy'Urwego rubifiteye ububasha, uruhushya rukomeza kugira agaciro kugera igihe usaba asubirijwe.

**Ingingo ya 11: Ihererekanya ry'uruhushya**

Uwahawe uruhushya afite uburenganzira bwo kuruherekanya n'undi muntu cyangwa isosiyete igihe abisabye kandi bikemerwa n'Urwego rubifitiye ububasha.

Nyuma yo gusuzuma isaba ry'iherekanya ry'uruhushya, Urwego rubifitiye ububasha rufata umwanzuro wo kwemera cyangwa guhakana.

Umwanzuro w'Urwego rubifitiye ububasha umenyeshwa uwasabye mu nyandiko hanatangwa impamvu mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) y'akazi, hakanatangwa impamvu z'icyemezo cyafashwe.

**Ingingo ya 12: Ihagarikwa ry'agateganyo ry'uruhushya**

Urwego rubifitiye ububasha rushobora guhagarika uruhushya by'agateganyo mu gihe cy'iminsi mirongo icyenda (90) iyo uwaruhawe akoze

**Article 10: Renewal of a license**

An application for the renewal of a license shall be made at least (30) thirty working days before the expiry date.

If the prescribed deadline for submission of an application for the renewal of the license has been respected but there is no response from the competent authority, the license shall continue to be valid until the applicant obtains a response.

**Article 11: Transfer of a license**

A licensee has the right of transferring the license to another person or company upon request to the competent authority and its approval

After considering the request for the license transfer, the competent authority shall decide whether to approve or reject the application.

The decision of the competent authority shall be notified to the applicant in writing in a period not exceeding thirty (30) working days and reasons for the decision taken shall be provided.

**Article 12: Temporary suspension of a license**

The competent authority may temporarily suspend temporary a license for a period of ninety (90) days if the licensee performs

**Article 10 : Renouvellement d'une licence**

La demande de renouvellement d'une licence se fait au moins trente (30) jours ouvrables avant la date d'expiration de la licence.

Si la période fixée pour la demande de renouvellement d'une licence a été respectée mais qu'aucune réponse n'a été donnée par l'autorité compétente, la licence reste valide jusqu'à ce que le requérant obtienne réponse.

**Article 11: Transfert d'une licence**

Le titulaire d'une licence a le droit de la transférer à une autre personne ou à une société sur demande approuvée par l'autorité compétente.

Après examen de la demande de transfert d'une licence, l'autorité compétente, décide d'approuver ou de rejeter la demande.

La décision de l'autorité compétente est notifiée au requérant par écrit dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours ouvrables et les raisons qui justifient la décision prise sont fournies

**Article 12: Suspension provisoire d'une licence**

L'autorité compétente peut suspendre temporairement la licence pour une durée de quatre-vingt dix (90) jours si son titulaire a effectué des opérations de commerce du pétrole et

*Official Gazette n° 46 of 18/11/2013*

ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho budateganyijwe mu ruhushya yahawe cyangwa atubahirije ibiteganywa n'amategeko.

petroleum and petroleum products trade operations that are not provided for in the license or did not comply with legal provisions of the laws.

des produits pétroliers qui ne sont pas prévues dans la licence ou ne s'est pas conformé aux lois.

**Ingingo ya 13: Ivanwaho rya burundu ry'uruhushya**

**Article 13: Revocation of a license**

**Article 13: Rétrait définitif d'une licence**

Urwego rubifitiye ububasha rushobora kuvanaho burundu uruhushya rwatanzwe iyo:

The competent authority may revoke the license in the following cases:

L'autorité compétente peut retirer définitivement une licence dans les cas suivants:

1° ufite uruhushya yanze gukuraho impamvu zatumye hafatwa icyemezo cyo guhagarika uruhushya cyangwa yananiwe gukuraho icyateye ihagarikwa ry'agateganyo mu gihe ntarengwa cyashyizweho;

1° where the licensee refuses to eliminate the causes that have resulted in the suspension of the license or has been unable to eliminate these causes within a fixed time;

1° lorsque le titulaire d'une licence refuse de mettre fin aux causes de suspension de la licence ou s'il a été incapable d'éliminer ces causes dans les délais impartis ;

2° bimaze kugaragara ko ufite uruhushya yahaye urwego rubifitiye ububasha amakuru atariyo igihe yasabaga uruhushya;

2° after finding the fact that the licensee submitted false information to the competent authority at the time of the application;

2° après le constat que le titulaire d'une licence a donné à l'autorité compétente de fausses informations lors de la demande;

3° ufite uruhushya yananiwe kwikosora agakomeza kutubahiriza ibiteganywa muri iri tegeko.

3° in case of deliberate violation of the provisions under this Law by the licensee.

3° en cas de violation délibérée des dispositions de la présente loi par le titulaire de licence.

**Ingingo ya 14: Kujuririra icyemezo cyafashwe**

**Article 14: Appeal against a decision taken**

**Article 14: Recours contre une décision prise**

Umuntu wese utanyuzwe n'icyemezo cyafashwe n'urwego rubifitiye ububasha ashobora kujuririra Minisitiri asaba isubirwamo ry'icyo cyemezo mu minsi cumi n'itanu (15) ikurikira imenyeshwa ry'icyemezo.

Any person not satisfied with the decision taken by the competent authority may, appeal within fifteen days (15) following the notification of such a decision to the Minister to review that decision.

Toute personne qui n'est pas satisfaite par la décision prise par l'autorité compétente peut faire recours auprès du Ministre dans un délai de quinze (15) jours à compter de la notification de la décision pour sa révision.

**Ingingo ya 15: Gushyira ahagaragara uruhushya**

Uruhushya rwose rutanze n'Urwego rubifitiye ububasha nk'uko biteganywa n'iri tegeko rumanikwa ahantu hagaragara mu nyubako uwaruhawe akoreramo.

**Ingingo ya 16: Dupulikata y'uruhushya**

Iyo uruhushya rwatakaye, rwangiritse cyangwa rudasomeka, Urwego rubifitiye ububasha, rubisabwe, rutanga dupulikata y'uruhushya ku wemerewe hamaze kwishyurwa amafaranga yagenwe.

**Ingingo ya 17: Igihe uruhushya rurangirira**

Uruhushya rurangira:

1° iyo igihe cy'agaciro cyagenwe kirangiye;

2° iyo rukuweho hakurikijwe iri tegeko.

**UMUTWE WA IV: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO Z'UFITE URUHUSHYA**

**Ingingo ya 18: Uburenganzira bw'ufite uruhushya**

Ufite uruhushya afite uburenganzira bwihariye bwo:

**Article 15: Display of a license**

Every license issued by the competent authority as provided for by this Law shall be displayed in a prominent position on the premises of the licensee.

**Article 16: Duplicate of a license**

When the license is lost, spoiled or unreadable, the competent authority shall upon request and payment of a prescribed fee issue a duplicate to the licensee.

**Article 17: Termination of the license**

A license shall be terminated:

1° upon expiration of the license validity;

2° if it is revoked in accordance with this Law;

**CHAPTER IV: RIGHTS AND OBLIGATIONS OF A LICENSEE**

**Article 18: Rights of a licensee**

A licensee shall have the following exclusive rights:

**Article 15: Affichage d'une licence**

Toute licence délivrée par l'autorité compétente conformément à la présente loi est affichée dans un endroit accessible au public dans les locaux de son titulaire.

**Article 16: Duplicata d'une licence**

Si une licence est perdue, altérée ou illisible, l'autorité compétente sur demande et moyennant paiement d'une rédevance prescrite, délivre un duplicata au titulaire de la licence.

**Article 17: Expiration d'une licence**

Une licence prend fin :

1° lorsque sa période de validité arrive à expiration ;

2° lorsqu'elle est retirée conformément à la présente loi.

**CHAPITRE IV: DROITS ET OBLIGATIONS DU TITULAIRE D'UNE LICENCE**

**Article 18: Droits du titulaire d'une licence**

Le titulaire d'une licence a les droits exclusifs suivants:

*Official Gazette n° 46 of 18/11/2013*

1° gukora ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho hakurikijwe iri tegeko n'ibivugwa mu ruhushya yahawe;

2° kugurisha cyangwa gutanga imigabane ye muri sosiyete ikora ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho mu buryo bugenwa n'Iteka rya Minisitiri.

**Ingingo ya 19: Kubika ibitabo n'inyandiko by'ibaruramari**

Umuntu wese ufite uruhushya agomba kubika neza ibitabo n'inyandiko by'ibaruramari kandi agomba guha Urwego rubifitiye ububasha raporo cyangwa amakuru igihe abisabwe.

Ufite uruhushya agomba kugira aderesi mu Rwanda aho inyandiko zishobora kumwohererezwa kandi amenyesha mu nyandiko urwego rubifitiye ububasha iyo aderesi n'icyahinduka icyo aricyo cyose kuri iyo aderesi.

**Ingingo ya 20: Kubahiriza amabwiriza y'ubuziranenge**

Ufite uruhushya agomba gukora ubucuruzi bwa peteroli cyangwa ibiyikomokaho byujuje ubuziranenge hakurikijwe amabwiriza y'ubuziranenge yemewe ku rwego rw'Igihugu cyangwa ku rwego mpuzamahanga.

1° to carry out trade of petroleum and petroleum products in accordance with the provisions of this Law and terms of the license granted;

2° to sell or otherwise dispose of his/her shares in a petroleum company and petroleum products as provided for by a Ministerial Order.

**Article 19: Document and book keeping**

Every licensee shall ensure a correct bookkeeping, report and provide information to the competent authority, if required.

A licensee shall maintain an address in Rwanda to which correspondences may be sent and shall give written notice to the competent authority of such address and any changes about it that may occur.

**Article 20: Compliance with standards**

The licensee shall carry out petroleum or petroleum products trade, which comply with national or international standards.

1° faire le commerce du pétrole et des produits pétroliers conformément à la présente loi et aux termes de la licence lui accordée;

2° vendre ou céder ses actions dans la société de pétrole et des produits pétroliers dans la forme prescrite par l'arrêté du Ministre.

**Article 19: Tenue de livres et pièces comptables**

Tout titulaire d'une licence doit bien garder les livres et les pièces comptables et fournir à l'autorité compétente des rapports ou des informations s'il en est requis.

Le titulaire d'une licence doit avoir une adresse au Rwanda où les correspondances peuvent lui être envoyées et doit aviser par écrit l'autorité compétente de ladite adresse et tout changement y apporté.

**Article 20: Respect des normes de qualité**

Le titulaire d'une licence doit faire le commerce du pétrole ou des produits pétroliers qui respectent les normes de qualité nationales ou internationales.



**Ingingo ya 21: Imeneka rya peteroli n'ibiyikomokaho**

Imeneka rya peteroli n'ibiyikomokaho biturutse ku mpamvu z'impanuka cyangwa biturutse ku burangare, ufite uruhushya agomba guhita asukura ahahumanyijwe n'ahangiritse, kandi mu buryo bunyuze Urwego rubifitiye ububasha.

Iyo ufite uruhushya ananiwe cyangwa atinze kubikora, Urwego rubifitiye ububasha rushobora gukoresha umurimo wose utakozwe bikishyurwa n'ufite uruhushya.

**Ingingo ya 22: Umutekano wa peteroli n'ibiyikomokaho**

Ufite uruhushya agomba kubahiriza ahantu hihariye hagenwe h'ububiko bwa peteroli n'ibiyikomokaho n'ahandi ibinyabiziga bitwara peteroli biruhukira mu rwego rwo kwirinda impanuka zabiturukaho.

Ahantu hihariye h'ububiko bwa peteroli n'ibiyikomokaho n'ahandi ibinyabiziga bitwara peteroli n'ibiyikomokaho biruhukira bigenwa n'Urwego rubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 23: Gutanga amakuru y'ibyerekeranye na Peteroli n'ibiyikomokaho mu gihugu**

Ufite uruhushya wese yoherereza Urwego rubifitiye ububasha, mu buryo buhoraho, raporo

**Article 21: Spilling of petroleum and petroleum products spills**

In the event of spilling petroleum and petroleum product, either by accident or through negligence, the licensee shall immediately clean up the polluted or damaged environment to the satisfaction of the competent authority.

If the licensee fails or delays to carry out the work, the competent authority may cause any work not carried out to be executed at the expense of the said licensee.

**Article 22: Safety of petroleum and petroleum products**

The licensee shall respect conditions related to petroleum and petroleum products stores, and parking of petroleum tankers to prevent causing accidents.

The petroleum and petroleum products stores and other places exclusively reserved for the parking of petroleum and petroleum products tankers shall be determined by the competent authority.

**Article 23: Providing information regarding petroleum and petroleum products in the country**

Any licensee shall submit to the competent authority periodic reports and other information

**Article 21: Déversements du pétrole et des produits pétroliers**

En cas de déversement du pétrole et des produits pétroliers, par accident ou par négligence, le titulaire d'une licence doit immédiatement assainir l'environnement pollué ou endommagé et ce à la satisfaction de l'autorité compétente.

En cas de défaillance ou de retard du titulaire d'une licence d'effectuer ce travail, l'autorité compétente peut faire faire ce travail aux frais du titulaire de la licence.

**Article 22: Sécurité du pétrole et des produits pétroliers**

Le titulaire d'une licence est tenu de respecter les conditions relatives aux dépôts de pétrole et des produits pétroliers et les parkings des remorques de pétrole dans le cadre de prévenir les accidents susceptibles d'en provenir.

Les dépôts du pétrole et des produits pétroliers et les autres endroits réservés exclusivement au stationnement des remorques de pétrole et des produits pétroliers sont déterminés par l'autorité compétente.

**Article 23: Fournir des informations sur le pétrole et des produits pétroliers au pays**

Tout titulaire d'une licence soumet des rapports périodiques à l'autorité compétente et d'autres

n'andi makuru hakurikijwe amabwiriza ashwirwaho n'Urwego rubifitiye ububasha.

**UMUTWE WA V: KWINJIRA MU BUCURUZI BWA PETEROLI N'IBIYOKOMOKAHO**

**Ingingo ya 24: Ubwisanzure mu kwinjira mu bucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho**

Umuntu uwo ariwe wese ashobora kwinjira mu mirimo yose cyangwa umurimo uwo ariwo wose w'icuruzwa rya peteroli n'ibiyikomokaho hakurikijwe ibiteganwa n'iri tegeko.

**Ingingo ya 25: Ibiciro bya peteroli n'ibiyikomokaho**

Urwego rubifitiye ububasha rukurikirana ibisabwa ku isoko n'imikorere y'ubucuruzi by'abafite uruhare mu icuruzwa rya peteroli n'ibiyikomokaho hakurikijwe iri tegeko, rwemeza kandi uburyo bwo gushyiraho ibiciro bya peteroli n'ibiyikomokaho bukoreshwa.

Iteka rya Minisitiri rigena imiterere n'itangazwa by'ibiciro bya peteroli.

**Ingingo ya 26: Isaranganya ry'ibikorwa remezo bya peteroli**

Urwego rubifitiye ububasha rushyiraho amabwiriza areba ko n'abandi bantu badahezwa mu kugera ku bikorwa remezo by'ahantu aho ariho

in accordance with regulations prescribed by the competent authority.

**CHAPTER V: ACCESS TO TRADE IN PETROLEUM AND PETROLEUM PRODUCTS**

**Article 24: Freedom in access to trade in petroleum and petroleum products**

Any person may participate in all or any activities of the petroleum and petroleum products trade in accordance with the provisions of this Law.

**Article 25: Price of petroleum and petroleum products**

The competent authority shall monitor the market requirements and the trade operations of stakeholders trading in petroleum and petroleum products in accordance with this Law and determine the procedure of petroleum and petroleum products pricing.

A Ministerial Order shall determine the scale of petroleum tariff and its publication.

**Article 26: Petroleum infrastructure sharing**

The competent authority shall establish regulations that ensure non-discriminatory third party access to infrastructure in any part of the

informations conformément aux instructions édictées par l'autorité compétente.

**CHAPITRE V: ACCES AU COMMERCE DU PETROLE ET DES PRODUITS PETROLIERS**

**Article 24: Libre accès au commerce du pétrole et des produits pétroliers**

Toute personne peut accéder librement à toutes ou à quelques unes des opérations de commerce du pétrole et des produits pétroliers conformément aux dispositions de la présente loi.

**Article 25: Prix du pétrole et des produits pétroliers**

L'autorité compétente assure le suivi des conditions et des instructions du marché de commerce des parties prenantes dans le commerce du pétrole et produits pétroliers conformément à la présente loi et détermine les modalités de fixation des prix du pétrole et des produits pétroliers.

Un arrêté du Ministre détermine les composantes du prix du pétrole et sa publication.

**Article 26: Partage des infrastructures pétrolières**

L'autorité compétente édicte des instructions qui assurent la non discrimination des tiers pour l'accès aux infrastructures pétrolières où elles se

*Official Gazette n° 46 of 18/11/2013*

hose habera ibikorwa bijyanye na peteroli, no gutangiza uburyo bwo gushyiraho ibiciro bigenzurwa ku bijyanye n'ikoreshwa ry'ahahunikwa peteroli, inganda zo gushyira mu macupa gazi isukika ituruka kuri peteroli n'ikindi gikorwa remezo icyo aricyo cyose umuntu ufite uruhare mu rwego rw'icuruzwa rya peteroli n'ibiyikomokaho ashobora kugiraho kwiharira isoko cyangwa inyungu y'ubucuruzi itagombye kubaho.

Hagomba kugaragazwa itandukanyirizo hagati y'ububiko bukoreshwa n'umuntu ku giti cye n'ububiko bujyana n'ubucuruzi cyangwa mu nyungu za rubanda.

Urwego rubifitiye ububasha rushyiraho amabwiriza agenga uburyo bwose bwerekeye ibikoreho by'ububiko n'ibigega.

Urwego rubifitiye ububasha rushobora gutuma habaho izindi ngamba hagamijwe gufungura isoko cyangwa kurengera abaguzi bitewe n'uko rusanze ari ngombwa kugira ngo hatezwe imbere ubushobozi no gukora mu mucyo ibikorwa by'ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho.

**UMUTWE WA VI: KUBAHIRIZA  
UBUZIRANENGE NO KURENGERA  
IBIDUKIKIJE**

**Ingingo ya 27: Gukurikiza amabwiriza  
y'ubuziranenge**

Urwego rubifitiye ububasha rusaba urwego

petroleum trade system and introduce a system of regulated tariffs for the use of storage, bottling plants for liquefied petroleum gas and any other infrastructure, over which any participant(s) in the trading of petroleum and petroleum products may enjoy a monopoly position or undue commercial advantage.

There shall be made a distinction between stock used by individual and stock operated for commercial or public interest.

The competent authority shall put in place regulations governing all forms of petroleum storage facilities and stocks.

The competent authority may cause to introduce other measures aimed at market opening or consumer protection as it deems necessary to enhance competency and transparency of trade operations in petroleum and petroleum products.

**CHAPTER VI: COMPLIANCE WITH  
STANDARDS AND PROTECTION OF  
ENVIRONMENT**

**Article 27: Compliance with standards**

The competent authority shall request the

trouvent et introduit un système de tarifs régulé pour l'utilisation des stocks, d'usines de mise en bouteille du gaz liquéfié et de toute autre infrastructure pétrolière sur laquelle une personne impliquée dans le commerce du pétrole des produits pétroliers peut avoir la position de monopole ou un avantage indû.

Une distinction doit être faite entre le stock utilisé par un individu et celui utilisé à des fins commerciales ou d'intérêt public.

L'autorité compétente doit mettre en place un règlement régissant toutes les formes d'équipements de stockage et les stocks.

L'autorité compétente peut faire introduire d'autres mesures réglementaires visant l'ouverture du marché ou la protection des consommateurs selon qu'il le juge nécessaire pour améliorer la capacité et la transparence des opérations dans le commerce du pétrole et des produits pétroliers.

**CHAPITRE VI: CONFORMITE AUX  
NORMES ET PROTECTION DE  
L'ENVIRONNEMENT**

**Article 27: Conformité aux normes**

L'autorité compétente demande à l'Office

*Official Gazette n° 46 of 18/11/2013*

rw'igihugu rushinzwe ubuziranenge gushyiraho gahunda yo gukurikiza cyangwa guhuza amabwiriza y'ubuziranenge mpuzamahanga ku birebana n'icuruzwa rya peteroli n'ibiyikomokaho.

Urwego rubifitiye ububasha, rushyiraho kandi hagashyirwa mu bikorwa amabwiriza y'ibisabwa kuzuzwa ku rwego rwa tekini n'amabwiriza agenga imikorere ku birebana n'ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho.

Mu gihe ubuziranenge mpuzamahanga cyangwa andi mabwiriza ataremezwa mu buryo buhuje n'amategeko, urwego rw'igihugu rushinzwe ubuziranenge, nyuma yo kujya inama n'urwego rubifitiye ububasha rwemeza by'agateganyo ibikurikizwa n'ibigenderwaho mu buziranenge, mu bisabwa kuzuzwa ku rwego rwa tekini n'amabwiriza agenga imikorere hifashishijwe ubuziranenge mpuzamahanga.

**Ingingo ya 28: Isuzuma-ngaruka ku bidukikije**

Ufite uruhushya cyangwa uwifuza gushyiraho ibikorwa by'ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho agomba kuba afite icyemezo cy'isuzuma-ngaruka ku bidukikije gitangwa n'ikigo cy'Igihugu gifite ibidukikije mu nshingano zacyo hakurikijwe amategeko abigenga.

Rwanda Bureau of Standards to develop a programme of gradual adoption and adaptation of the prevailing international standards in relation to trade in petroleum and petroleum products.

The competent authority shall develop and implement technical specifications and internal regulations related to trade in petroleum and petroleum products.

Where the relevant international standards or other regulations have not been adopted in accordance with Laws, the Rwanda Bureau of Standards in consultation with the competent authority shall determine temporary standards, criteria and requirements, technical specifications and internal regulations in accordance with the international standards.

**Article 28: Environmental impact assessment**

A licensee or any person who wishes to carry out trade operations in petroleum and petroleum products shall be in possession of environmental impact assessment certificate issued by the Authority in charge of environmental management in accordance with the relevant laws.

Rwandais de Normalisation de développer un programme d'adoption progressive et d'adaptation des normes internationales en vigueur en rapport avec le commerce du pétrole et produits pétroliers.

L'autorité compétente développe et assure la mise en œuvre des spécifications techniques et des règlements d'ordre intérieur relatifs au commerce du pétrole et des produits pétroliers.

Dans le cas où les normes internationales pertinentes ou les codes de pratique n'ont pas été adoptés conformément aux lois, l'Office Rwandais de Normalisation, en concertation avec l'autorité compétente détermine les critères temporaires des normes, exigences, des spécifications techniques et codes de pratique sur la base des normes internationales.

**Article 28: Evaluation de l'impact sur l'environnement**

Le titulaire d'une licence ou une personne qui désire faire un tel commerce doit avoir un certificat d'évaluation de l'impact sur l'environnement délivré conformément aux lois en la matière par l'Office ayant la gestion de l'environnement dans ses attributions.

**Ingingo ya 29: Iringaniza mbanziriza-gipimo n'igenzura**

Kugira ngo habeho ikoresheya ry'ibipimo bizima kandi byizewe mu rwego rw'ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho mu Rwanda, Urwego rubifitiye ububasha rukora iringaniza mbanziriza-gipimo kandi rugenzura ibi bikurikira:

1° inyubako z'ububiko ahari ibigege by'amavuta, byaba iby'abikorera cyangwa ibya Leta cyangwa aho ubwikorezi burangirira;

2° inyubako z'ububiko z'ahatangirwa serivisi z'ubudandazi na sitasiyo zitanga ibikomoka kuri peteroli n'inganda zo gushyira mu macupa gazi isukika ituruka kuri peteroli ;

3° ahari ipompo z'ubudandazi cyangwa sitasiyo zitanga ibikomoka kuri peteroli;

4° amakamyi afite ibigege byagenewe gutwara peteroli;

5° izindi nyubako izo arizo zose cyangwa ibikoresheya bikoresheya mu kubona ibipimo bya nyabyo kandi byuzuye mu rwego rw'umurimo w'ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho.

Imirimo y'iringaniza mbanziriza-gipimo n'iy'igenzura ikorwa hatanzwe amafaranga agenwa n'iteka rya Minisitiri.

Imirimo y'iringaniza mbanziriza-gipimo n'iy'igenzura ishobora kandi gukorwa n'ikigo

**Article 29: Calibration and verification**

In order to ensure the use of accurate and genuine measurements in trading operations of petroleum and petroleum products in Rwanda, the competent authority shall calibrate and verify the following:

1° storage facilities at private or public petroleum storages or terminals;

2° storage facilities at retail service or filling stations and liquified petroleum gas plants;

3° pumps of retail service or filling stations

4° road tankers used in petroleum transportation;

5° any other facility or instrument that is used to realise correct measurements in the trade of petroleum and petroleum products;

Calibration and verification services shall be done at a fee determined by a Ministerial Order

Calibration and verification services may also be done by authorized private company upon

**Article 29: Calibrage et vérification**

Afin d'assurer l'utilisation des mesures fiables et authentiques dans le commerce du pétrole et des produits pétroliers au Rwanda, l'autorité compétente procède au calibrage et vérifie qui suit:

1° les installations de stockage au niveau des dépôts de pétrole privés ou publics ou les terminaux ;

2° les installations de stockage au niveau des services de vente en détail et stations-service et les usines de gaz liquéfié à base du pétrole;

3° les pompes de service de vente en détail ou stations-service ;

4° les camions-citernes utilisés dans le transport des produits pétroliers;

5° toute autre installation ou instrument utilisé pour avoir des mesures correctes dans l'industrie de commerce du pétrole et des produits pétroliers ;

Les services de calibrage et de vérification sont offerts moyennant paiement d'un montant déterminé par arrêté du Ministre.

Les services de calibrage et de vérification peuvent être également offerts par une société

cy'abikorera kibifitiye uburenganzira bimaze kwemerwa n'urwego rushinzwe ubuziranenge n'urwego rubifitiye ububasha.

Nyamara, icyo kigo kigomba kugira ifatizo ry'igereranywa ry'ibipimo byacyo ku bipimo by'ubuziranenge mu rwego rw'Igihugu cyangwa mpuzamahanga.

**UMUTWE WA VII: IBITUNGURANYE, IBIGEKA BYA NGOMBWA N'IBY'INGOBOKA**

**Ingingo ya 30: Gahunda y'icuruzwa rya peteroli n'ibiyikomokaho mu bihe byihutirwa**

Mu rwego rwo guteganya no gusubiza ikibazo cy'ibura cyangwa ihindagurika mu igemura rya peteroli n'ibiyikomokaho mu gihe habaye impanuka, imidugararo ya politiki, ibiza cyangwa ibindi bisa nabyo cyangwa biturutse ku burangare bw'umuntu uwo ariwe wese, urwego rubifitiye ububasha, rufatanyije n'izindi nzego za Leta n'ibigo bya Leta, n'abafite uruhare mu bikorwa by'ubucuruza bwa peteroli, utegura gahunda y'icuruzwa rya peteroli n'ibiyikomokaho mu bihe bitunguranye.

Iyo gahunda y'Ubucuruza yihutirwa igomba kwemerwa na Minisiteri ifite ubucuruza bwa peteroli nibiyikomokaho mu nshingano zayo kandi ibonye ko icyo aricyo cyose mu bintu byavuzwe muri iyi ngingo kibaye, Minisiteri igomba, binyuze mu mabwiriza, gutangaza ko

approval by the Standards Authority and the competent authority.

However, they shall have traceability of their measurements to the national or international measurement standards.

**CHAPTER VII: CONTINGENCY, COMPULSORY AND STRATEGIC STOCKS**

**Article 30: Emergency trade plan petroleum and petroleum products**

In order to anticipate and respond to interruptions in, or serious distortions of trade in petroleum and petroleum products supply, due to accidents, political disturbances, natural disasters or similar events or by the negligence of any person, the competent authority shall, in co-operation with other Government departments and agencies and participants in the trade chain, have competence to prepare an emergency trade plan petroleum and petroleum products.

Such an emergency trade plan shall be subject to the approval of the Ministry in charge of petroleum and petroleum products trade once satisfied that any of the events provided by this Article have occurred, the Ministry may through directives declare that emergency trade in

privée agréée après approbation par l'Autorité de Normalisation et l'autorité compétente.

Toutefois, ils doivent exhiber une comparabilité de leurs mesures aux normes de mesures nationales ou internationales.

**CHAPITRE VII: CAS D'URGENCE, STOCKS OBLIGATOIRES ET STOCKS STRATEGIQUES**

**Article 30: Plan d'urgence du commerce du pétrole et des produits pétroliers**

Afin d'anticiper et de répondre aux interruptions ou graves distorsions dans la fourniture du pétrole et des produits pétrolier occasionnées par les accidents, les troubles politiques, les catastrophes naturelles ou événements similaires ou par la négligence de toute personne, l'autorité compétente, en collaboration avec les autres institutions et agences de l'Etat et les participants dans la chaîne du commerce a le pouvoir de, préparer un plan d'urgence du commerce du pétrole et dans la chaîne du commerce des produits pétroliers.

Ce plan de commerce d'urgence doit être approuvé par le Ministère ayant le commerce du pétrole et des produits pétroliers dans ses attributions et lorsque celui-ci est convaincu que l'un des événements stipulés dans le présent article a eu lieu, il peut, par instructions, déclarer

*Official Gazette n° 46 of 18/11/2013*

habayeho ibihe bitunguranye mu icuruzwa rya peteroli n'ibiyikomokaho kandi iyi igasohoka mu kigege cy'ingoboka gikoreshwa cyangwa mu kigege cy'ingoboka cya Leta.

Minisiteri ikurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'icuruzwa rya peteroli n'ibiyikomokaho mu bihe bitunguranye, iyihuza cyangwa igafata ingamba izo arizo zose n'aho biri ngombwa mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa.

**Ingingo ya 31: Urugero ruto ntarengwa rusigara mu kigege**

Mu rwego rwo kongera umutekano mu icuruzwa rya peteroli n'ibiyikomokaho mu Rwanda, ufite uruhushya utumiza peteroli n'ibiyikomokaho hanze, uranguza cyangwa udandaza, akoresheje amafaranga ye, agomba kugira urugero ruto ntarengwa rusigara mu kigege hakurikijwe ibyacurujwe.

Iteka rya Minisitiri rigena ikigereranyo ntarengwa cy'urugero ruto rugomba gusigara mu kigege.

Peteroli isigara mu kigege ireba ibicuruzwa byose bikomoka kuri peteroli bibitswe mu bubiko mu Rwanda ariko ntireba ibicuruzwa bikomoka kuri peteroli bikiri mu nzira mu Rwanda cyangwa bigana cyangwa biva mu kindi gihugu icyo aricyo cyose.

**Ingingo ya 32: Ibigega bya Leta by'ingoboka**

Leta igomba kugira ibigega ihunikamo ibikomoka

petroleum and petroleum product has occurred and this shall be subject to the release of the minimum emergency stock or Government strategic stocks.

The Ministry shall monitor the implementation of the emergency petroleum and petroleum products trade plan, adjust it or take any other measures where deemed necessary during the implementation.

**Article 31: Minimum quantity to maintain in the stock**

In order to enhance the security of trade in petroleum and petroleum products in Rwanda, every licensee of petroleum and petroleum products, importer either wholeseller or retailer, at their expense, shall maintain the minimum quantity to maintain in the stock in relation to what has been sold.

An Order of the Minister shall determine the minimum quantity to maintain in the stock.

The minimum stocks shall include all petroleum products held in storage in Rwanda and exclude petroleum products in transit within Rwanda or to and from any other country.

**Article 32: Government strategic stocks**

The Government shall maintain strategic stocks

qu'il y a des moments d'urgence du commerce de pétrole et des produits pétroliers et ceux-ci doivent sortir du stock minimum d'urgence ou du stock stratégique de l'Etat.

Le Ministère surveille la mise en application du plan d'urgence du commerce du pétrole et des produits pétroliers, l'adapte ou prend toute autre mesure nécessaire autant de fois que cela est nécessaire pendant la période d'exécution du plan.

**Article 31: Quantité minimum à maintenir dans le stock**

Pour améliorer la sécurité du commerce du pétrole et des produits pétroliers au Rwanda, chaque titulaire d'une licence qui importe le pétrole et des produits pétroliers, les vend en gros ou en détail, doit garder à ses frais dans le stock la quantité minimum proportionnelle à la quantité vendue.

Un arrêté du Ministre détermine la quantité minimum à garder dans le stock.

Le stock minimum du pétrole concerne tous les produits pétroliers se trouvant dans les entrepôts de stockage au Rwanda exceptés les produits pétroliers en transit au Rwanda, ou vers et en provenance de tout autre pays.

**Article 32: Stocks stratégiques de l'Etat**

L'Etat doit avoir des stocks stratégiques de

kuri peteroli bikoreshwa mu buryo bw'ingoboka.

Ibigega bya Leta by'ingoboka bikoreshwa gusa mu gihe cyihutirwa.

**Ingingo ya 33: Gutanga cyangwa kugurisha peteroli iri mu bigega by'ingoboka bya Leta**

Minisitiri ifite ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho mu nshingano zayo ifite ububasha bwo gufata icyemezo cyo gutanga cyangwa kugurisha peteroli iri mu bigega bya Leta.

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo itangwa n'igurisha rya peteroli iri mu bigega by'ingoboka bya Leta bikorwa.

**UMUTWE WA VIII: IGENZURA**

**Ingingo ya 34: Uburenganzira bwo kugera ahantu hose no kuhagenzura**

Urwego rubifitiye ububasha, rushobora igihe icyo aricyo cyose, kwinjira ahantu hose cyangwa mu nyubako iyo ariyo yose ahakorerwa imirimo cyangwa ibikoresho bijyanye na peteroli n'ibiyikomokaho cyangwa ahabera imirimo yo kubaka ahazakorerwa imirimo ijyanye n'inzira y'icuruzwa rya peteroli n'ibiyikomokaho.

Igenzura rishobora kumenyeshwa cyangwa ntirimenyeshwe, ariko buri gihe rikorwa hari nyir'igikorwa cyangwa umuhagarariye.

of petroleum products.

Government strategic stocks shall be used only during the emergency.

**Article 33: Release or sale of Government strategic stocks**

The Ministry in charge of petroleum and petroleum products trade shall be entrusted with the powers to decide on the release or sale of Government stocks.

A Ministerial Order shall determine modalities for the release and sale of the strategic government stocks.

**CHAPTER VIII: INSPECTION**

**Article 34: Rights of access to any area and inspection**

The competent authority may, at any time enter and inspect any area or premises where operation in petroleum and petroleum products, installations or construction works for facilities of the trade chain are being performed.

An inspection may be announced or not but shall always be performed in the presence of the operator or his/her representative.

produits pétroliers.

Les stocks stratégiques de l'Etat sont seulement utilisés en cas d'urgence.

**Article 33: Céder ou vendre les stocks stratégiques de l'Etat**

Le Ministère ayant le commerce du pétrole et des produits pétroliers dans ses attributions a les pouvoirs de statuer sur la cession ou la vente des stocks de l'Etat.

Un arrêté du Ministre détermine les modalités de cession et de la vente des stocks stratégiques de l'Etat.

**CHAPITRE VIII: INSPECTION**

**Article 34: Droit d'accès à tout lieu et d'inspection**

L'autorité compétente peut, à tout moment, entrer et inspecter tout lieu ou locaux où les opérations de pétrole et des produits pétroliers, les installations où les travaux de construction pour les installations de la chaîne du commerce sont exécutés.

Une inspection peut être annoncée ou pas, mais doit toujours être effectuée en présence de l'exploitant ou de son représentant.



Umuntu wese uri mu gikorwa cy'igenzura ashobora kugenzura imirimo, inyubako ndetse n'inyandiko, hakubiyemo n'ibitabo by'ibaruramari birebana n'ibikorwa by'uwahawe uruhushya hagamijwe kugenzura ko ibiteganywa n'iri tegeko byubahirizwa.

Urwego rubifitiye ububasha rushobora, mu gihe icyo aricyo cyose kiboneye, guhagarika no gusaka igikoresho cyose kigenewe gutwara cyangwa kubika peteroli cyangwa ibiyikomokaho, hagamijwe ko ibiteganywa n'iri tegeko byubahirizwa.

**UMUTWE WA IX: GUFATIRWA IBYEMEZO N'IBIHANO**

**Ingingo ya 35: Amakosa rusange**

Bitabangamiye andi mategeko, umuntu :

1° uwanga, utinda cyangwa unanirwa gutanga inyandiko cyangwa utanga amakuru anyuranye n'ukuri;

2° ubangamira igenzura iryo ari ryo ryose;

3° umenyekanisha cyangwa ushyira hanze amakuru ayo ariyo yose afatwa nk'ibanga;

ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ari hagati y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni ebyiri (2.000.000) na miliyoni eshanu (5.000.000).

A person carrying out an inspection may inspect the works, facilities and documents including books of accounts connected with the operations of the licensee to ensure that the provisions of this Law are complied with.

The competent authority may, at any reasonable time stop and search any means for transporting or stocking petroleum or petroleum products to ensure that the provisions of this Law are complied with.

**CHAPTER IX: DECISION MAKING AND SANCTIONS**

**Article 35: General misconduct**

Without prejudice to other laws, any person who:

1° refuses, delays or fails to produce any document or other information, or provides false information;

2° hinders any inspection;

3° publishes or discloses any information classified as confidential;

shall be liable to an administrative fine of between two million (Rwf 2,000,000) and five million Rwandan francs (Rwf 5,000,000).

Celui qui procède à l'inspection peut inspecter les travaux, les installations et les documents, y compris les livres comptables en relation avec les opérations du titulaire de licence pour s'assurer que les dispositions de la présente loi sont respectées.

L'autorité compétente peut, à tout moment opportun, arrêter et fouiller n'importe quel objet affecté au transport ou stockage du pétrole et des produits pétroliers dans le but de veiller au respect des dispositions de la présente loi.

**CHAPITRE IX: PRISE DE DECISION ET SANCTIONS**

**Article 35: Fautes générales**

Sans préjudice aux autres lois, une personne qui :

1° refuse, retarde ou ne produit pas tout document ou toute autre information, ou fournit une fausse information;

2° obstrue toute inspection;

3° publie ou révèle toute information qualifiée de confidentielle ;

est passible d'une amende administrative d'un montant de deux millions (2.000.000 Frw) à cinq million de francs rwandais (5.000.000 Frw).

Iyo akomeje gukora ayo makosa, ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda angana n'ibihumbi magana atanu (500.000) ku muni igihe cyose iryo kosa ritarakosoreka cyangwa agahanishwa kwamburwa uruhushya rwo gukora ibikorwa bye.

Umuntu wubaka nta ruhushya, unyuranya n'ibikubiye mu ruhushya yahawe cyangwa utubahiriza ubuziranenge busabwa ku rwego rw'igihugu cyangwa mpuzamahanga, ahanishwa, ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi itarenze amafaranga y'u Rwanda miliyoni eshanu (5,000,000) cyangwa mu gihe ikosa rikomeje, ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda atarenze ibihumbi magana atanu (500.000) ku muni cyangwa igice cy'umuni igihe cyose ikosa kitahagaze.

**Ingingo ya 36: Ibihano bijyanye no gucuruza ibikomoka kuri peteroli bitujuje ubuziranenge**

Umuntu wese ucuruza ibicuruzwa bya peteroli bidahuje n'ubuziranenge busabwa mu Rwanda cyangwa ubuziranenge ku rwego mpuzamahanga byemewe n'urwego rw'Igihugu rw'Ubuziranenge, ahanishwa ihazabu yo mu rwego ry'ubutegetsi iri hagati ya miliyoni eshanu (Frw 5, 000,000) kugeza kuri miliyoni makumyabiri (Frw 20, 000,000) z'amafaranga y'u Rwanda cyangwa akamburwa uruhushya yahawe.

In the case of recidivism, he/she shall be liable to an administrative fine of five hundred thousand Rwandan francs (Rwf 500,000) per day during the whole period when the misconduct has not been remedied or the withdrawal of the operating license is decided.

A person who constructs without a license, is in breach of the granted license or does not meet the required national or international standards shall be liable to an administrative fine not exceeding five million Rwandan francs (Rwf 5,000,000) or if the misconduct has not been remedied, to a fine administrative fine not exceeding five hundred thousand Rwanda francs (Rwf 500,000) for every day or part of the day during the whole period when the offence continues.

**Article 36: Penalties for trade in adulterated petroleum products**

Any person who sells adulterated petroleum products not conforming to the relevant national or international standards approved by the Rwanda Bureau of Standard, shall be liable to an administrative fine between five million Rwandan francs (Rwf 5,000,000) and twenty million Rwandan francs (Rwf 20,000,000) or withdrawal of the granted license.

En cas de récidive, elle est passible d'une amende de cinq cent mille francs rwandais (500.000 Frw) par jour pendant toute la période où la faute n'est pas encore corrigée ou le retrait de la licence d'opérations est prononcé.

La personne qui construit sans autorisation, viole les conditions de l'autorisation lui délivrée ou viole les normes nationales ou internationales, elle est passible d'une amende administrative n'excédant pas cinq millions de francs rwandais (5, 000,000 Frw) ou lorsque la faute persiste, une amende administrative n'excédant pas cinq cent mille (500,000 Frw) francs Rwandais pour chaque jour ou partie du jour pendant toute la période où la faute subsiste.

**Article 36: Pénalités contre la vente des produits pétroliers frelatés**

Toute personne qui vend des produits pétroliers frelatés ne répondant pas aux normes de qualités requises au Rwanda ou internationales agréées par l'Office Rwandais de Normalisation, est passible d'une amende administrative allant de cinq millions (5.000.000 Frw) à vingt millions (20.000.000 Frw) de francs rwandais du retrait de la licence lui octroyée.

**Ingingo ya 37: Ibihano bijyanye no kutubahiriza urugero ruto ntarengwa rugomba gusigara mu kigeza**

Umuntu wese, utubahiriza inshingano yo kugira urugero ruto ntarengwa rugomba gusigara mu kigeza ahanishwa kwamburwa uruhushya yahawe.

**Ingingo ya 38: Kwitabaza inkiko**

Umuntu wese cyangwa isosiyete bafatiwe icyemezo n'urwego rubifitiye ububasha bashobora, mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) kuva ku itariki bamenyesherejweho icyemezo, kuregera urukiko rubifitiye ububasha.

Icyemezo cyafashwe n'Urwego rubifitiye ububasha ntigihagarikwa uretse igihe urukiko rufashe icyemezo cyo kugihagarika rushingiye ku nyandiko y'urega ibisaba.

**UMUTWE X: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 39: Igihe ntarengwa cyo guhuza imirimo n'iri tegeko**

Umuntu cyangwa isosiyete basanzwe bafite ibikorwa by'ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho bahawe igihe kitarenze imyaka ibiri (2) uherye igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa kugira ngo babe bahuje imikorere yabo n'ibiteganywa na ryo.

**Article 37: Penalties for not maintaining minimum quantity in the stocks**

A person who fails to comply with the obligation to hold the prescribed minimum quantity maintained in the stock shall be liable to the withdrawal of the granted license.

**Article 38: Recourse to court**

Any person or company on which the decision was taken by the competent authority, may within thirty (30) days from date of notification of the decision, refer the matter to the competent court.

The decision taken by the competent authority shall not be suspended, unless the court takes decision to suspend it based on the written request of applicant.

**CHAPTER X: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

